# 146: kugukunda, mwami Yesu

1. kugukunda, mwami Yesu ,kuruhukir'i wawe, nkaba mu gituza cyawe,birankwiriye rwose.kwemer'amahoro yawe,kuko waje kunkiza,no kumenya kwera kwawe,bihora binezeza.

2. Amahirwe yanjye nkunda Ni Wowe, Yesu wanjye! Uhor’ untabar' iteka;Ntugir' ubw’ uhinduka. Urukundo rwawe rwinshi, Waje muri twe mw isi Ngw abazimiy’ ubashake, Ubatarure bose.

3. Koko, yitanze kubwanjye No kumeny’aramenya. Yemeye kunshyira ma nzu,Tukajya dusangjra. Mu ntege nke zanjye zose Arashaka kunkiza: Ni inyangamugay' akunda Kumfasha no kumpira.

4. Amaraso yawe, Yesu, Ni yo mas’ ashobora Kunkurahw ibyaha byanjye;Ampa gukiranuka. Mwa kumbwir' ibindi byose:N’Umurokozi wanjye, Kandi yemera no kumpa Amahoro y'iteka.

Visit us at indirimbo.com